REPUBLIQUE RWANDAISE

Kigali, le 21 NOV. 1995

No 1118.01/17.00/95

Entrée le 05 DEC. 1995
N° indicateur 4866
A traiter par D.C.A
Classement + DAJ

— Avis et considération
Dircab au 16/2/1996


Ministère du Travail et des Affaires Sociales
B.P. 1413 Kigali


Kuba Pasitori Yakobo KAYIHURA
na Pasitori Yohani SIBOMANA
KIGALI.

Réf. :

Annexe :

Objet : Ibyemezo n'ibitekerezo biri mu ibaruwa yanyu ya tariki ya 28/10/1995 Mwatwandikiye.

Ba Pasitori,

Turabibutsa ko iyi baruwa yanyu twayisomeye hamwe mu nama twakoranye ku wa mbere tariki ya 30/10/95, muri Minisiteri y'Umurimo n'Imibereho myiza y'Abaturage.

Twabasobanuriye ku buryo busesuye buri ngingo :

- Ari ibyerekeye Représentant Légal
- Aribyo muvuga byo kubatandukanya n'aba Misiyoneri banyu
- Ari ibyo muvuga byo kubogama kwa MINITRASO

Reka twongere tubibasubiriremo tubasubiza kuri buri ngingo iri mw'ibaruwa yanyu.

1. Représentant Légal

Uko twabisuzumiye hamwe, twasanze nta Représentant Légal uri muri A D E P R muri iki gihe. Nta mutegetsi numwe wabitorewe.

a) Ubwanyu mwemeje ko NSANZURWIMO Yozefu wahungiye muri Kenya, yeguye kuba Représentant Légal ngo kuko adashoboye kugaruka mu Rwanda. Nyamara twaberetse amabaruwa abandikira yiyita Représentant Légal :
Hari amabaruwa yo mu kwezi kwa gatandatu n'ukwa karindwi k'uyu mwaka.

b) KAYIHURA Yakobo ubwe avuga ko Yozefu NSANZURWIMO ariwe Représentant Légal kuko Yozefu NSANZURWIMO amwandikira amuha amabwiriza. Wakongera ukabona KAYIHURA Yakobo ashyira ku mabaruwa umukono we avuga ko ari Représentant Légal.

../..

Tumaze gusuzumira hamwe inyandiko n'imikono ya NSANZURWIMO Yozefu na KAYIHURA Yakobo twasanze bombi nta Représentant Légal ubarimo . Dusanga ko muri iki gihe A D E P R idafite Représentant Légal kandi muri iki gihe ifite n'ibindi bibazo igombye gukemura .

2. Kubatandukanya n'aba Misiyoneri banyu :

Ibyo ntitubona aho mwabikuye . Muribuka ko arimwe mwaje kureba MINITRASO kugirango yunge impande ebyiri zitumvikana muri A D E P R . Muribuka ko kw'itariki ya 28/8/95, mwahuriye muri MINITRASO kugirango mubone igisubizo ku bibazo biri muri A D E P R .
Muribuka ko umwanzuro w'iyo nama ari uko mwiyemeje guhura, mugakora komite yo kubonera igisubizo amakimbirane ari muri A D E P R .
Muribuka ko arimwe mwabyiyemeje hanyuma ntimugire icyo mukora . Munaniwe kwiyunga ubwanyu, duhamagaza ba Misiyoneri ngo turebeko babafasha kwiyunga . Hari ku itariki ya 16/10/95 .
Twavuye mu nama ba Misiyoneri bemeye ko bazahuza impande zombi za A D E P R ngo bazunge .

Twasabye ba Misiyoneri ko bababwira ibyo twari twavugiye muri iyo nama byose .
Nimutubwire rero ukuntu twabatumaho abo ba Misiyoneri kubunga ibyo mwebwe mukabyita kubatandukanya na ba Misiyoneri .

3. Ibibazo biri muri A D E P R :

a) Ibyo murabizi koko ko ari aba A D E P R babituzaniye muri MINITRASO badusaba kubunga .

b) Itariki 28/8/95 mwaje mu nama muhura n'abandi mutumvikana muraganira mwese musesengura ibibazo byose mufite, murangiza mugiye inama yuko muzakora Komite yo kurangiza ibibazo biri muri A D E P R .

c) Itariki 16/10/95 ba Misiyoneri na MINITRASO bakoranye inama . Ba Misiyoneri basanga hari ibibazo muri A D E P R . Tubasaba ko bakunga kandi bagahuza impande zombi zitumvikana muri A D E P R .

d) Tariki 23/10/95, ba Misiyoneri bagarutse baduha igisubizo, cyo kunga A D E P R baduhakanira ko badashoboye guhuza za mpande zombi zitumvikana muri A D E P R .

e) Tariki 30/10/95, nibwo duhuje za mpande zombi zitumvikana muri A D E P R .

.../...

Umwanzuro w'iyo nama mwese murawuzi . Mwese mwashyize umukono ku itangazo ryari ryateguriwe gusomwa kuri Radio, iryo tangazo mwararyumvise ryemeza ko impande zombi zitumvikana muri A D E P R zizahura zigatora komisiyo yo gutegurira inama nkuru uburyo bwo gushyiraho inzego za ADEPR

Turangije tubasaba gukomeza uwo mugambi wo gushyira hamwe, mukanonosora ibibazo mwahura nabyo, mukayobora abakirisit mukurikije ijambo ry'Imana .

Minisitiri w'Umurimo n'Imibereho myiza
y'Abaturage .

Piyo MUGABO

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ministère du Travail et des Affaires Sociales

Bimenyeshejwe :

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
  K I G A L I .
- Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika
  akaba na Minisitiri w'Ingabo
  K I G A L I .
- Bwana Minisitiri w'Intebe
  K I G A L I .
- Bwana Visi Minisitiri w'Intebe akaba na
  Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini
  K I G A L I .
- Madamu Minisitiri w'Ubutabera
  K I G A L I .
- Madamu Perefe wa Perefegitura y'Umugi wa Kigali
  K I G A L I .
- Etat Major ya Gendarmerie
  K I G A L I .
- Parquet ya Kigali
  K I G A L I .
- Indembo (zose)
  K I G A L I .
- Abamisiyoneri

# ITANGAZO

Minisitiri w'Umulimo n'Imibereho Myiza y'Abaturage afatanyije na Perefe w'Umugi wa Kigali n'uhagarariye Etat Major ya gendarmeri bayoboye inama yo kunga abagize Umuryango w'Amatorero ya Pentekositi (ADEPR).

Umuryango wa ADPER wari uhagarariwe n'impande zombi zitumvikanaga.

*Iyo nama yemeje izi ngingo zikurikira :*

1) Abahagarariye Umuryango w'amatorero ya ADEPR bemeje gushyiraho komisiyo igizwe n'abantu cumi (10);

2) Inshingano z'iyo komisiyo ni uguteguri ra inama nkuru (Assemblée Générale) ibya ngombwa byose bizatuma iyo nama nkuru ishyiraho inzego zemewe n'amategeko agenga umuryango w'Amatorero ya ADEPR;

3) Iyo nama ibamenyesheje ko nta Rusengero na rumwe rwigeze rufungwa nkuko byari byatangajwe kuri radiyo. Ahubwo hafunzwe ibiro bikuru by'Umuryango w'Amatorero ya ADEPR;

4) Iyo nama yemeje ko ibaruwa yashyizweho umukono na pasitori SIBOMANA Yohana na KAYIHURA Yakobo igomba kuvuguruzwa n'abayanditse bagashyikiriza kopi abo bari bazigeneye mbere. Iyo baruwa yanditswe kw'itariki ya 28/10/1995 yemezaga ibyemezo n'ibitekerezo bitarimo ukuri, kandi bidahuje n'imyanzuro y'iyi nama ya none.

Uwari uyoboye inama

Minisitiri w'Umulimo n'Imibereho
Myiza y'Abaturage

Piyo MUGABO

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ministère du Travail et des Affaires Sociales

Bisomwe kandi byemejwe na:

1. Pasteur Jean SIBOMANA
2. Evangéliste Ruyenzi Ernest
3. Evangéliste MUNONOKA André
4. Evangéliste TURUSHIME Fred
5. Pasteur Vunningoma Marcel
6. Pasteur Bimenyimana Mathias
7. Pasteur MUNYAMAHORO Seth
8. Pasteur SEZIBERA Innocent
9. Pasteur Kayihura Yakobo
10. Pasteur GASANA Yustini

Annexe VI

ADEPR
*Association des Eglises de Pentecôte du Rwanda*

B.P. 404 KIGALI
RWANDA
Tél. 5178
4824
Arrêté Royal du 30 Septembre 1930
Arrêté Ministériel No 485/08 du 19 Octobre 1962
Arrêté Ministériel No 03/7 du 6 Janvier 1984

Kigali, le 28/10 - 19 95

Réf No:

No ...........

Objet:

Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Umurimo n'Imibereho myiza y'Abaturage.
KIGALI.

Impamvu : Ibyemezo n'Ibitekerezo

Nyakubahwa Bwana Minisitiri,

Tunejejwe no kubagezaho ibi bikurikira :

IBYEMEZO BY'ABAHAGARARIYE BY'AGATEGANYO UMURYANGO WA ADEPR (BEMEWE N'UMURYANGO ARIKO BATEMEWE NA MINITRASO) BAFATANIJE N'ABO MINITRASO IJYA ITUMIRA.

Tumaze kubona ikibazo gitewe na MUNONOKA ANDEREYA na bagenzi be intera kimaze gufata twifuje kubibutsa ibi bikurikira :

1. ADEPR ni Umuryango W'AMATORERO ya Pentekote mu Rwanda ufite ubuzima gatozi n'amategeko awugenga yemewe na Leta.

2. Uwo muryango ntuharanira inyungu ariko ufite umutungo wawo bwite utavogerwa.

3. Umuryango wateganije imicungire y'umutungo wawo n'aho wakwerekezwa mu gihe cy'iseswa rya ADEPR, bivuga ko nta muntu ku giti cye cyangwa agatsiko k'abantu kagomba kuwigabiza.

4. Uwinjira mu muryango abanza kwemera amategeko n'amabwiriza byawo ku bushake bwe akagomba no kuyubahiriza. Utishimiye imikorere y'umuryango afite uburenganzira bwo kuwuvamo nta nkurikizi. Amategeko n'Amabwiliza biteganya uko ubangamiye umuryango ashobora kuwukurwamo. Nyamara iyo 2/3 by'Abanyamulyango babonye hari ibibabangamiye basaba Inama Nkuru (Assemblée Générale) ikabihindura uko babyifuza.

**KUBERA IBYO BYOSE BIVUZWE HARUGURU TWIFUJE KUBAGEZAHO IBYEMEZO BIKURIKIRA :**

1. Dukurikije ko ADEPR ari Umuryango w'Amatorero ya Pentekote akorera mu Rwanda hose, turemeza ko :

a) Biro y'agateganyo ya ADEPR yashyizweho nyuma y'intambara, nubgo itashyizweho mu buryo bunogeye amategeko kubera ko Inama y'Ubutegetsi yayishyizeho itatumiwe n'Umuvugizi wemewe (uwari wemewe yarahunze), ariyo yonyine yagombye guhagararira Umuryango kuko ariyo yashyizweho n'Intumwa z'Amatorero yose yo mu Rwanda hamwe n'Abamisiyoneri kuwa 17/02/1995 i Kigali, nkuko biteganwa n'Amategeko. Ibyo kandi twahise tubimenyesha Minisiteri y'Ubutabera tunasobanura ko dutegereje guterana kw'Inama Nkuru. Iyo Biro rero turabona ari yo yavugira ADEPR aho guhagararirwa n'Abapasitori 6 cyangwa 7 b'i Kigali gusa kandi nabo bataranatumwe n'Abanyamuryango. N'ubundi buryo bwose buriho bushakwa nti bwaba bwemewe mu gihe cyose haba hirengagijwe amatorero yo hirya no hino. Aho kwima ijambo Abanyamuryango byarutwa n'uko Inama yatumizwa n'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'uwo muryango ubifitiye uruhusa ( Délégation de Pouvoir).

b) Turemeza ko ikibazo cya MUNONOKA ANDEREYA na bagenzi be kidafite ishingiro kuko batatumwe n'Abanyamuryango bagize ADEPR aribo ***MATORERO Y'UTURERE N'ABAMISIYONERI***

2. Turemeza neza ko ikibazo cyarangizwa n'Inama Nkuru. Ikaba yaterana kuwa 29/11/1995 - 02/12/1995 mu gihe cyayiteganirijwe n'Inama y'Ubutegetsi yaguye yo kuwa 26/08/1995 (yaririmo groupe MUNONOKA). Icyo kandi akaba ari icyifuzo cy'Abanyamuryango bamaze kutugaragariza mu nyandiko batwoherereje. Turabasaba rwose dukomeje kwubahiriza uburenganzira bw'Abanyamuryango aho kwita ku byifuzo by'agatsiko katazwi mu muryango.
Turabamenyesha kandi ko iyo Nama y'Ubutegetsi yaguye yongeye guterana kuwa 09/10/1995 (MINITRASO yari yayitumiwemo) ikagera ku bitekerezo izashyikiriza Inama Nkuru iyisaba gushyiraho abayobozi bavanwa mu bakandida yateguye hakurikijwe ubushobozi nkuko twari twabyemeranijweho na MINITRASO mu mubonano wo kuwa 28/08/1995.

3. Ibirenze ibyo byavuzwe haruguru byaba binyuranije n'Amategeko, tukaba tubona tutagomba kubyivangamo kuko binyuranye n'Ibyifuzo by'Abanyamuryango (AMATORERO) ahubgo bibaye ngombga bikaba byakiranurwa n'inkiko aho kwibwirako byarangizwa n'abantu batoranijwe n'agatsiko kahagurukiye kuvuyanga amatorero kabinyujije kuri MINITRASO nkuko twabivuze mu rwandiko rwo kuwa 04/10/1995.

4. Tuboneyeho no kubamenyesha ko tutumva ukuntu MINITRASO ishaka gutandukanya ABAMISIYONERI n'AMATORERO bakorana yitwaje ko ngo bagomba kwitarura agatsiko ka Pasitori KAYIHURA n'aka MUNONOKA nyamara kandi Pasitori Kayihura na bagenzi be bahagarariye by'agateganyo AMATORERO YOSE nkuko ayo Matorero yabibashinze abinyujije ku ntumwa zatowe mu ndembo zose kandi ayo MATORERO akaba akibemera n'uyu munsi kugeza ubgo Inama Nkuru izaterana igashyiraho inzego zemewe burundu.

Tubasabye kwemera ko nta gatsiko ka Pasitori KAYIHURA kariho ahubwo ko hariho Umuryango ADEPR ahagarariye by'agateganyo.
? Mbese kuki murwanya abatavuga rumwe na Munonoka bose baba Abamisiyoneri baba abanyamuryango ???

5. Bityo rero nta mpamvu yatuma Munonoka n'abamushyigikiye bose bakuraho ubuyobozi bwashyizweho n'abari batumwe n'abanyamuryango ubwabo kuwa 17/02/1995 ngo n'uko ari ibyagateganyo. Kubera kandi ko hakwijwe impuha zivuga ko Pasitori KAYIHURA yishyizeho dusabye ko ubishidikanya yakora iperereza mu matorero yose yo mu Rwanda.

6. Mu gusoza iyi nyandiko twongeye gusaba abashinzwe umutekano duhaye kopi kugaruza umutungo ugaragara w'Umuryango nk'imodoka TOYOTA COROLLA BB 1990 na moto YAMAHA AG 100 ifite plaque No WD 0626 ndetse na kashe z'Umuryango kuko uwabikoresha mu buryo bunyuranije n'ubwabigenewe n' Umuryango byashobora kuwitirirwa bikawuzanira ingorane kandi byarasahuwe. Dusanze kandi ari ngombwa kubashimira kubw'imodoka imwe bashoboye kugaruza ariyo TOYOTA Double Cabine R 0240 A.

Tubaye tubashimiye !

ABAHAGARARIYE UMURYANGO ADEPR BY' AGATEGANYO

| | |
|---|---|
| PASITORI KAYIHURA YAKOBO | PASITORI SIBOMANA YOHANA |
| Umuvugizi w'agateganyo | Umuvugizi wungirije w'agateganyo |

CPI :

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
KIGALI.

- Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika
akaba na Minisitiri w'Ingabo
KIGALI.

- Bwana Minisitiri w'Intebe
KIGALI.

- Bwana Visi Minisitiri w'Intebe
akaba na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini
KIGALI

- Madamu Minisitiri w'Ubutabera
KIGALI

- Madamu Perefe wa Perefegitura y'Umugi wa Kigali
KIGALI

- Etat Major ya Gendarmerie
KIGALI

- Parquet ya Kigali
KIGALI

- Indembo (zose)

- Abamisiyoneri

Annexe VII

ADEPR

*Association des Eglises de Pentecôte du Rwanda*

B.P. 404 KIGALI
RWANDA
Tél. 5178
4824
Arrêté Royal du 30 Septembre 1930
Arrêté Ministériel No 485/08 du 19 Octobre 1962
Arrêté Ministériel No 03/7 du 6 Janvier 1984

MINITRASO - Secrétariat
Date réception 17 NOV 1995
Enregistrement 46/3
Directeur/Ministre 17/11/95
Arrivée à la D.G. ........
Enregistrement ........
Suite par: Au Ministre for info
Classement ........

Kigali, le 14-11-1995

Réf. No:

No ........

Objet:

Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Umulimo n'Imibereho Myiza y'Abaturage
KIGALI.

Nyakubahwa Bwana Minisitiri,

Duhereye ku nyandiko y'inama yo kuwa 30/10/1995 ikubiyemo imyanzuro y'amanama yakozwe na MINITRASO kugeza ubu ku kibazo cya ADEPR, tubabajwe no kubagezaho ibi bikurikira:

1. Komite muvuga mu nyandiko y'inama yo kuri 30/10/1995 ko tutayitoye ngo ikemure ikibazo, ibyo ntaho byigeze bivugwa mu nama yo kuwa 28/8/1995. Ibi byahise bitwereka ko ibitekerezo byanyu bihuje n'ibyifuzo by'agatsiko ka Mununoka mwemereye gukora inama ku itariki ya 29/9/1995 twabasabye ko ihagarikwa mwirengagiza kubikora nkana. Nyuma muri iyo nama akaba ariho havuyemo imigambi mibi yo gutera no gusahura ADEPR. Muribuka ko mu nama yo kuri 30/10/1995 mwashimangiraga cyane ko hashyirwaho komite tukabereka ko binyuranije n'amategeko n'amabwiriza bigenga ADEPR.

2. Dukurikije inyandiko nyinshi twaboherereje; urugero: iyo kuwa 6/4/1995, iyo kuwa 11/10/1995, iyo kuwa 28/10/1995; twabagaragarije mu buryo buhagije abahagarariye by'agateganyo umuryango n'uburyo bashyizweho kugeza ku nama nkuru mwabanje kwanga ko iterana nkuko bigaragazwa n'inzandiko zanyu nyinshi mwatwandikiye.

Duhereye ku nyandiko y'inama yo kuwa 30/10/1995 irimo ibyemezo tutumvikanyeho bikaba bigaragaramo inzitizi zituma iyo nama itazaterana, urugero: amavugurura yahera mu nzego za paruwasi kandi atemejwe n' Inama Nkuru cyangwa se gushyiraho abagomba guhagararira abandi mu Nama Nkuru batitorewe n' Amatorero yabo kuko ari nabo baba bahagarariye.

3. Inyandiko zanyu zose n'ibyemezo byanyu byose biragaragaza mu buryo buhagije kubogama kwanyu.

## IKIBAZO CY' ABAMISIYONERI

Nkuko twabigaragaje mu nyandiko yacu yo kuwa 28/10/1995, dutangazwa no kubona murwanya abantu bose batanze ibitekerezo binyuranye niby'agatsiko ka Mununoka baba abamisiyoneri cyangwa abandi banyamuryango. Turabibutsa kandi ko kugeza na nubu tutumva impamvu mukomeza gushyigikira agatsiko ka Mununoka katatumwe n'amatorero kandi aribo banyamuryango ba ADEPR mukareshyeshya ububasha bwako n'ubw'abayobozi b'umuryango.

Ntibyumvikana kandi ukuntu mwirengagiza amategeko n'amabwiriza by'umuryango kandi muri impuguke mu by'amategeko nyamara Leta ikaba yarahagurukiye kuyubahiriza.

.../...

Nyakubahwa Bwana Minisitiri, iyo utemeye ko Pastori Kayihura Yakobo ari **umuvugizi** w'umuryango ntiwemera nibura ko ari na Pastori ??? (cfr. urwandiko rwanyu rwo kuwa **07/11/1995).**

Dukurikije ibyo byose twavuze haruguru n'ibindi byavuzwe nyamara bikaba bitaragaragaye mu nyandiko z'amanama twakoranye mukabizigama nk'amabanga yanyu, hakaba ndetse n'ibyagiye byandikwa kandi tutarigeze tubivuga; turabona MINITRASO **itagishoboye kutubera umuhuza**, ahubwo turabona yaragiye idukururira ingorane zigenda ziyongera uko bukeye. Imigambi yayo ikaba ari iyo kuvuyanga no gusenya ADEPR. Dore zimwe mu nkurikizi zagiye ziranga bimwe mu byemezo MINITRASO yafatiye ADEPR :

1. **Ihagarikwa** ry'imirimo yose y'umuryango mu gihugu cyose kandi mu nzego zose; (Ihagarikwa)
2. **Ihagarikwa** ry'amahugurwa anyuranye ategurwa n'umuryango;
3. **Isahurwa** ry'ikigo cya ADEPR (siège) na za dépôts z'i Gikondo bigikorwa na nubu;
4. **Ifungwa** ry'Umushumba w'ururembo rwa Ruhengeri; (kuki) -
5. **Gutiza** umurindi abashaka kwigomeka no gusuzugura ubuyobozi;
6. **Ikingwa** ry'insegero hirya no hino; (?) — [illegible] -
7. **Imvururu** zikaze mu matorero hirya no hino (Gasave, Gatsata). (Hamwe hose ?

Ntidushidikanya ko igihe cyose kariya gatsiko ka Munonoka karamuka kwemererwa kujya mu matorero ko katera abakristo gusubiranamo nkuko byagiye bigaragara cyane cyane muri Kigali. Turabamenyesha ingaruka zose z'ibivuzwe haruguru n'ibindi byazashobora kuvuka hanyuma ko arimwe mwabibazwa.

Tubifurije kuyoborwa n'Imana muri byose.

ABAHAGARARIYE UMURYANGO ADEPR BY' AGATEGANYO

**PASITORI KAYIHURA YAKOBO**
**Umuvugizi w'agateganyo**

PASITORI SIBOMANA YOHANA
Umuvugizi wungirije w'agateganyo

UHAGARARIYE ABAKURIKIYE AMANAMA

PASITORI BIMENYIMANA Matiyasi

.../...

CPI :

- Nyakubahwa Bwana Perezida wa Repubulika
**KIGALI.**

- Nyakubahwa Bwana Visi Perezida wa Repubulika
akaba na Minisitiri w'Ingabo
**KIGALI.**

- Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Intebe
**KIGALI**

- Nyakubahwa Bwana Visi Minisitiri w'Intebe
akaba na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini
**KIGALI**

- Madamu Minisitiri w'Ubutabera
**KIGALI**

- Madamu Perefe wa Perefegitura y'Umugi wa Kigali
**KIGALI**

- Etat Major ya Gendarmerie
**KIGALI**

- Parquet ya Kigali
**KIGALI**

- Indembo (zose)
- Abamisiyoneri
- Conseil d'Etat.